Ngoma, kuwa 25/ 08 /2020
No Ref.NJY/ 129/07.05.06

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA NGOMA**
**INAMA NJYANAMA**
**Email: njyanamangoma@ngoma.gov.rw**

Bwana Guverneri w'Intara y'Iburasirazuba

**RWAMAGANA**

**Impamvu:** Kohereza imyanzuro y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Ngoma yo ku italiki ya 14 Kanama 2020.

Bwana Guverneri,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbohereze ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Ngoma yateranye ku italiki ya 14 Kamena 2020.

Mbaye mbashimiye uburyo muyakiriye.

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma

**BIMENYESHEJWE**

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
**KIGALI**
-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**AKARERE KA NGOMA**

**INAMA NJYANAMA**

**Email:** discouncilngoma@yahoo.fr

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 14/08/2020: IGIHEMBWE CYA MBERE 2020-2021**

Kuwa Gatanu tariki ya **14 Kanama 2020**, Inama Njyanama y' Akarere ka Ngoma yarateranye mu nama yayo isanzwe, iteranira mu nzu mberabyombi y' Akarere ka Ngoma , iyobowe n' Umuyobozi wayo **Bwana BANAMWANA Bernard**.

Inama yatangiye imirimo yayo i saa tatu (09h00) za mu gitondo , yubahirije amabwiriza yo kwirinda Coronavirus , yitabirwa n' Abajyanama 23 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

Abajyanama basabye impushya ni aba bakurikira :

1. Musonera Ephrem
2. Dr. Namanya William
3. Mukankunzi Pelagie
4. Kabanyana Candide
5. Uwingabire Fausca
6. Uwimana Florence

Inama yitabiriwe kandi n'abayobozi b' Amashami mu Karere ka Ngoma.

Mu ijambo rye atangiza inama, Umuyobozi w' Inama Njyanama y' Akerere ka Ngoma, yahaye ikaze abitabiriye inama abifuriza kugira inama nziza abasaba gutanga ibitekerezo ku ngingo zigwaho; akomeza abagezaho ibiri ku murongo w'ibyigwa.

**Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira:**

1. GUSOMA, GUSESENGURA NO KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Y'INAMA NJYANAMA ISANZWE Y'AKARERE YO KU ITALIKI YA 30/06/2020 NO GUSHYIRA MU BIKORWA INAMA ZATANZWE NA GUVERNERI W'INTARA Y'IBURASIRAZUBA KU MYANZURO YAYO YA 9 N'IYA 12 .
2. Gufata imyanzuro ku bibazo by'abaturage bandikiye Inama Njyanama y'Akarere, bigasuzumirwa mu Makomisiyo no mu nama y'Abaperezida
3. Kwemeza ingengabihe y'ibiruhuko by'umwaka 2020-2021 by'abagize komite Nyobozi y'Akarere

Abari mu nama bamaze kwemeza ibiri k'umurongo w'ibyigwa basuzumye ingingo ku yindi maze bafata imyanzuro .

## INGINGO YA MBERE:

**GUSOMA, GUSESENGURA NO KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Y'INAMA NJYANAMA ISANZWE Y'AKARERE YO KU ITALIKI YA 30/06/2020 NO GUSHYIRA MU BIKORWA INAMA ZATANZWE NA GUVERNERI W'INTARA Y'IBURASIRAZUBA KU MYANZURO YAYO YA 9 N'IYA 12**

Mu gusoma no gusesengura inyandikomvugo y'Inama Njyanama isanzwe y' Akarere yo kuwa 30/6/2020; abari mu nama bitaye ku mwanzuro 9 n'uwa 12 nk'uko Guverineri w'Intara yari yabisabye ; bayisesengura ku buryo bukurikira :

**1. Ikibazo cya Gare ya Ngoma**

**Imiterere y'umushinga**

Mu busanzwe Jali Investment Ltd yagiranye amasezerano n'Akarere ko :

Akarere kazatanga ikibanza Gare isanzwe ikoreramo ; kuko icyo kibanza ari gito kifuje ko cyakongerwaho igice gito cya Stade cyegereye Gare ; Stade ikazagisubizwa ku gice kiyegereye kiri inyuma ya Gare .

Muri icyo gihe Jali yabyemeranyijweho n'Akarere , ikora igishushanyo mbonera kirimo inzu y'ubucuruzi igeretse kabiri ( G+2) ; aho imodoka zizahagarara; ibiro ; ikinamba , ubwiherero n'igaraje....; Jali ifitemo umugabane ungana na 98,6 % ; *Akarere gafitemo umugabane ungana na 1,4% .*

*Ubutaka bwo ku ruhande rwa Stade, bigaragaye ko butakibonetse; Akarere kongera kuganira na Jali , bumvikana ko aho guhindura igishushanyo mbonera , bitaye ku*

nyungu z'abaturage , bafatanya kwimura abaturage bigaragara ko babangamirwa n'ibikorwa bya Gare na Stade;

Ni muri urwo rwego amasezerano hagati ya Jali n'Akarere yahindutse ,hitawe ku nyungu z'Akarere ku buryo bukurikira :

- Akarere kemeye guhahara ishoramali ryako, ringana na 25, 086,042 frw = 1'4% kuko kadafite ubushobozi bwo kwimura abaturage muburyo bwihuse;
- Jali yemeye kongereraho 27,338,140 frw ku mugabane w'akarere , yose hamwe akaba 52,424,182 frw ; kugirango abaturage bimurwe ndetse n'umushinga wose ushyirwe mu bikorwa nk'uko wari wateguwe;
- Akarere kazabonamo inyungu y' inzu y'ubucuruzi ifite G+2 iberanye nigishushanyombonera cy'umujyi wa Ngoma;
- Ishoramari mu karere riziyongera;
- Akarere kazabona Gare nziza igezweho;
- Akarere kazatanga akazi gatandukanye kiganjemo urubyiruko mu kinamba n'igarage;
- Imisoro y'Akarere iziyongera.

**UMWANZURO WA 1** : Nyuma yo kuganira ku nama Guverineri yagiriye akarere , Abari mu nama basesenguye umushinga wa Gare bitaye ku nyungu z'akarere barawemeza.

## 2. Umushinga wa IPRC w'ubworozi bw'inkoko

Ibaruwa ya IPRC Ngoma yandikiye Inama Njyanama isaba gutizwa ubutaka bwo gukoreramo umushinga ugamije kwigisha abanyeshuri n'abaturage ubworozi bw'inkoko bwa kijyambere (Service Training Innovation Center'' "STIC)-''Poutry Faming Traning Center''(PFTIC ).

IPRC Ngoma yandikiye Inama Njyanama y'Akarere, isaba gutizwa ubutaka bwo gukoreramo umushinga wo kwigisha korora inkoko '' Service Training Innovation Center'' "STIC)-''Poutry Faming Traning Center''(PFTIC ) bungana na HA 2 buherereye mu Murenge wa Kazo,Akagari ka Gahurire,Umudugudu wa Rebero ,bufite UPI 5/06/04/02/12. Uyu mushinga ugamije kwagura ibikorwa by'ishuri kuko aho rikorera hadahagije kandi hakaba hatakorerwa umushinga wo korora kuko bitajyanye n'igishushanyombonera cy'umujyi wa Ngoma.

Uyu mushinga wasuzumwe mu nama Njyanama y'Akarere maze isanga ufite inyungu zikurkira:

- Kwakira abanyeshuri benshi bazigishwa umwuga w'ubworozi.
- Koroza abaturage inkoko za kijyambere.
- Kurwanya imirire mibi mu baturage kuko bazabona amagi menshi kandi adahenze.
- Gukora ubushakashatsi no gukwirakwiza imyororere myiza hifashishijwe ibiribwa n'ibikoresho biboneka mu karere;
- Guhanga imirimo

-Inama Njyanama imaze gusesengura ubusabe bwa IPRC yasanze umushinga yasabiye ubutaka uzagirira akamaro abaturage ba Ngoma ndetse no hanze yako; yemeye ko IPRC itizwa ubutaka yasabye, igakorana amasezerano n'akarere kuburyo ubwo butaka buguma kuba umutungo w'Akarere kimwe n'inyubako zizaba zarashyizwemo igihe cyose IPRC izaba itakibukoreraho uwo mushinga.

## INGINGO YA KABIRI:

### GUFATA IMYANZURO KU BIBAZO BY'ABATURAGE BANDIKIYE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA

**1. Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma yandikiye Inama Njyanama y'akarere asaba kwemeza ingurane y'ahazubakwa ibyumba by'amashuri mu mwaka wa 2020.**

**UMWANZURO WA 3 :**

Inama Njyanama imaze gusesengura urutonde rw'ahazubakwa amashuri n'ingurane zizatangwa z'ubutaka n'amafaranga , barabyemeje.

Abagize inama Njyanama bemeje kandi ko aho ubutaka bw'umuturage buzacibwamo ibice byinshi, hakenewe ibya ngombwa by'ubutaka bitandukanye, amafaranga azabigendaho kugira ngo umuturage abone icyangombwa cy'ubutaka gishya, azishyurwa n'Akarere.

**2. Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma yandikiye Inama Njyanama y'akarere asaba kwemeza ingurane y'ubutaka buzubakwayo ubwanikiro**

**UMWANZURO WA 4 :**

Inama Njyanama imaze gusesengura imbonerahamwe igaragaza ubutaka buzubakwaho ubwanikiro; bukazishyurwa ingurane y'ubundi butaka yarabyemeje.

Abagize Inama Njyanama bemeje kandi ko aho ubutaka bw'umuturage buzacibwamo ibice byinshi ,hakenewe ibya ngombwa by'ubutaka bitandukanye ,amafaranga azabigendaho kugira ngo umuturage abone icya ngombwa cy'ubutaka gishya, azishyurwa n'Akarere.

3. **Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama** asaba gusonera ibihano n'inyungu by'ubukererwe ku baturage bafite ibirarane by'amahoro y'ubutaka mu karere ka Ngoma ; guhera mu mwaka wa 2014 kugeza 2018 ; hari bamwe batishyura bitewe n'uko ibihano by'ubukererwe bimaze kubaremerera.

***Imbonerahamwe igaragaza uko ibyo birarane bihagaze kugeza 2018*** **:**

| Umubare w'abaturage bafite ibirarane kuva 2014-2018 | Amafaranga y'ikirarane hatarimo inyungu ku bukererwe | Amafaranga y'Ibihano n'Inyungu z'Ubukererwe | Yose hamwe |
|---|---|---|---|
| **14,902** | **159,792,576 frw** | **201,466,940 frw** | **371,259,516 frw** |

**UMWANZURO WA 5 :**

Abari mu Nama bamaze gusuzuma ubu busabe bemeje ko ibihano n'inyungu z'ubukererwe bw'Amahoro ku bukode bw'ubutaka byakurwaho mu gihe cy'Amezi atandatu ; hakabanza kwegera abaturage bakamenyeshwa umwanzuro wafashwe no kubamenyesha igihe bahawe kizatangirira n'igihe kizarangirira . Ibi bikazatangira umwanzuro ukimara kwemezwa.

**4. Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama asaba kwemeza gahunda yo gusarura no kuvugurura amashyamba y' Akarere ashaje**

Abari mu Nama bagejejweho umushinga wo gusarura no kuvugurura amashyamba y'Akarere ashaje ; ari kubuso bwa 44.2Ha ; abarizwa mu mirenge ya Zaza , Rukira, Murama , Kazo, Gashanda ,Rurenge, Karembo na Mutenderi.

**UMWANZURO WA 6** : Inama Njyanama imaze gusuzuma uyu mushinga yasanze akarere kawufitemo inyungu irawemeza.

**5. Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama asaba ko NKURANGA Sylvestre yahabwa ingurane y'ubutaka**

Ikibazo cya **Nkuranga Sylvestre**, utuye mu murenge wa Jarama , akagari ka Kigoma, umudugudu wa Remera ; yari afite isambu aho bubatse ishuri rya Gs MBUYE , mu mwaka wa 2003. Iyo sambu ye yanganaga na msq 9,000 ; muri icyo gihe yahawe ingurane ingana na msq 4,780 . Ubu arasaba ko yahabwa ingurane ingana na msq 4,720 kugirango ahabwe ubutaka bungana n'ubwo yatanze.

**UMWANZURO WA 7 :**

**Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo** yasanze gifite ishingiro Nyuma yo kugaragarizwa ko hari ubutaka bwa Leta bufite hegitari zirindwi (7ha) bwabonekamo ingurane , buherereye mu murenge wa Jarama , akagari ka Kigoma , umudugudu wa Ramiro kandi bukaba buri hafi ya NKURANGA Sylvestre . Inama Njyanama yemeje ko yahabwa ingurane ye muri ubwo butaka ingana na sqm 4,720.

**6.Abaturage b'Akagari ka Nyaruvumu** bandikiye Inama Njyanama basaba irimbi mu mudugudu wa Nyagataba bashyinguragamo mbere ya Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994 ; hakaba hari ubutaka bwa Leta bugera kuri Ha 4 . Ubu aho irimbi riri hari urugendo rugera kuri kilometro 10.

**UMWANZURO WA 8 :**

Inama Njyanama imaze gusuzuma ubu busabe, yemeje ko bagomba gushyingura mu marimbi yemewe harimo irimbi riri mu Kagari ka Nyaruvumu, umudugudu wa Terimbere . Umurenge nubona ko hari ikibazo kirebana n'urugendo abaturage bakora bajya gushyingura niwo uzasaba iryo rimbi rishya.

**7.BYUKUSENGE Florence** yandikiye Inama Njyanama asaba gusonerwa imisoro y'ubutaka bwe buri mu Ka gari ka Karenge, Umurenge wa Kibungo kuko atishoboye.

**UMWANZURO WA 9:**

Inama Njyanama imaze gusesengura ubu busabe yasanze ubusabe bwe nta shingiro bufite, bityo ko atagomba gusonerwa iyi misoro.

**8. Ibaruwa ya MURARA Janvier**, yandikiye Inama Njyanama asaba gutizwa ubutaka buherereye

mu murenge wa Rukira, Akagari ka Nyinya. Yanditse asobanura ko ubwo butaka asanzwe abukoresha ariko akaba atarigeze abutizwa , bityo akaba asaba ko yabutizwa mu buryo bwemewe n'amategeko

**UMWANZURO WA 10:**

Inama Njyanama yemeje ko atemerewe gukoresha ubwo butaka kuko nta muntu ku giti cye wemererwa gutizwa ubutaka. Inama Njyanama yasabye ko ahagarika gukoresha ubwo butaka akimara kubona uyu mwanzuro.

**9. KAYINAMURA Félicité**, yandikiye Inama Njyanama asaba gusonerwa imisoro y'ubutaka bwe buherereye mu Murenge wa Remera , yanditse asobanuro ko impamvu asaba gusonerwa umusoro ari uko atishoboye.

**UMWANZURO WA 11:**

Inama Njyanama imaze gusesengura ubu busabe yasanze ubusabe bwe nta shingiro bufite, bityo ko atagomba gusonerwa iyi misoro..

**10. Umuyobozi w''Itorero rya Anglican Church mu Rwanda**, Diocese Kibungo, Paruwasi ya Munyaga yandikiye Inama Njyanama y'Akarere, asaba ubutaka bwo kubakamo urusengero n'ibindi bikorwa by'Itorero, bugaragara mu Murenge wa Rurenge, Akagarai ka Rugese, Umudugudu wa Kiyanja.

**UMWANZURO WA 12 :**

Inama Njyanama imaze gusuzuma ubusabe bw'umuyobozi w'itorero yemeje ko batahabwa ubwo butaka ahubwo nibakenera ubutaka bwo gukoreramo imishinga yabo bazabwigurira.

**11. Koperative Ubuzima Bwiza ikora ubucuruzi bw'Inyama mu isoko rya Kibungo** yandikiye Inama Njyanama , isaba kugabanyirizwa ubukode bw'inzu bakoreramo no gukurirwaho amafaranga bishyura yo gushorera amatungo bayajyana ku ibagiro riri mu Irebezo.

Bagaragaje ko ubusanzwe bishyuraga amafaranga 200,000 frw ku bukode bw' ibagiro na Abatoire ya Musamvu ; none aho habonekeye ibagiro ryo mu Irebezo bakaba batagikoresha irya MUSAMVU ; ahubwo bakaba bishyura 12,000 frw kuri buri nka bajyanye ku ibagiro. Barongeye

bagaragaza ko bishyura umusoro wa 2,200 frw ku inka baguze ; hanyuma bakanatanga andi 2,200 frw yo kuyishorera

**UMWANZURO WA 13 :**

Inama Njyanama yemeje ko amafaranga y'ubukode ari muri tariff y'Akarere yemejwe n'Inama Njyanama mu mwaka 2020-2021 yishyurwa uko yagenwe ,akaba yaravuye ku 200,000frw akajya ku 100,000 frw . Ay'inka bajyanye ku ibagiro , 12,000 frw , ni ayo bumvikanye na Rwiyemezamirimo ; ayo bita ayo gusora 2,200 frw arimo 1,000 frw cyo gusora ku nka yagiye mu isoko , 1,200 frw asigaye akaba ayo kuyishorera. Andi bakwa 2,200 frw , bita ayo gushorera , ntabaho kuri tariff y'Akarere. Inama yasabye Komite Nyobozi kumenyesha NGALI kutazongera kwaka abaturage ayo mafaranga.

**12 . NZABANDORA Desire** wo mu Murenge wa Kibungo, Akagari ka Mahango,Umudugudu wa Rebezo yandikiye Inama Njyanama asaba gusonerwa ibirarane by'umusoro w'ubutaka bw'umuryango ; butuwemo bukaba bunahingwamo, bwanditse kuri Nyina witwa Nyirabambari Esperance witabye Imana, abahari akaba ari babazungura be .

**UMWANZURO WA 14:**

Inama Njyanama yemeje ko adasonerwa iyo misoro , ahubwo atandukanyirizwa ubutaka butuwe n'ubuhingwa hanyuma abazungura bahari ari nabo bakoresha ubwo butaka bagasora.

**13. Koperative KOGUASA** ikorera mu Murenge wa Sake mu Kagali ka Gafunzo mu Mudugudu wa Mabuga I, yandikiye Inama Njyanama isaba gusubizwa umutungo wayo urimo inzu yanditse kuri Leta n'isambu yanditse kuri KAMAYANJA Ritha. Iyi Koperative yatangiye yitwa KOVEPAMA , ihabwa ubutaka bwa Leta bungana na m60/80m ; yubakirwamo inzu na USAID ; none ubu inzu yanditse kuri Leta n'ubwo ari KOGUASA iyikoreramo. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ubutaka bwaje gufatwa n'uwitwa KAMAYANJA Ritha anabwibaruzaho.

**UMWANZURO WA 15 :**

Inama Njyananama yemeje ko inzu ya KOGUASA yayandikwaho ; naho ubutaka bwanditswe kuri KAMAYANJA Ritha, koperative yabumuregera mu rukiko kuko arirwo rufite ububasha bwo gutesha

agaciro icyo cyangombwa cy'ubutaka .

**14. MUNIGANTANAMA Emmanuel** ubarizwa mu Murenge wa Mugesera,Akagari ko Mugatare,Umudugudu wa Kampala,yandikiye Inama Njyanama asaba guhabwa ingurane y'ubutaka bwe bwagizwe irimbi . MUNIGANTAMA yahawe ingurane yabwo muri buffer zone nyuma naho aza kuhimurwa mu rwego rwo kurengera ibidukikije.

**UMWANZURO WA 16 :**

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo yasanze gifitie ishingiro , yemeza ko ahabwa ingurane y'ubwo butaka.

**15. MASABO Thomas , utuye mu Murenge wa Rurenge,Akagari ka Rugese,** yandikiye Inama Njyanama asaba kwibaruzaho ubutaka bwanditse kuri Leta yagurishijwe na CYUBAHIRO Gregoire.

**UMWANZURO WA 17:**

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo yasanze yaraguze n'utari nyirabwo bityo yemeje ko ubwo butaka atabwandikwaho, hanyuma agirwa inama yo gukurikirana CYUBAHIRO Gregoire mu nkiko.

**16. Umuyobozi w'UMURENGE SACCO Rurenge , iherereye mu murenge wa Rurenge , akagali ka Rwikubo , umudugudu wa Akabanda ,** yandikiye Inama Njyanama asaba ko SACCO yakwandikwaho ubutaka yubatseho bungana na metero kare 2,596. Aha SACCO yahubatse mbere y'uko hatangwa amabwiriza yemerera SACCO zose zo mu karere ka Ngoma gukoresha metero kare 600 z'aho gushyira nyubako zazo.

**UMWANZURO WA 18:**

Inama Njyanama yemeje ko SACCO Rurenge biyandikishaho metero kare 600 gusa nk'uko amabwiriza abigena.

17. **MUKANDAYAMBAJE Charlotte** utuye mu Murenge wa Rurenge,Akagari ka Rugese,Umudugudu wa Kiyanja yanditse asaba kwandikwaho ubutaka yatijwe.

**UMWANZURO WA 19 :**

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo yasanze igice kimwe cy' ubu butaka yarakigurishije kandi ari ubwa Leta ; yemeje ko aho guhabwa uburenganzira bwo kubwiyandikishaho , ahubwo agomba gukurikiranwa we n'uwo babuguze.

**18. MUTESI Groliose na MUKARUYONZA Cecille** batuye ,mu murenge wa Sake, akagari ka Gafunzo, umudugudu wa Isovu, bandikiye Inama Njyanama basaba ingurane y'ubutaka bahawe muri buffer zone, nyuma baza kubimuramo mu rwego rwo kurengera ibidukikije kandi nta handi bafite

**UMWANZURO WA 20:**

Inama Njyanama yemeje ko bahabwa ubutaka bwo guhingamo kuko nta handi bafite

19. **MUKARUSAGARA CONSOLEE** utuye mu murenge wa Rukumberi, Akagari ka Gituza,Umudugudu wa Ruyenzi ; yandikiye Inama Nyanama asaba ingurane y'ubutaka bw'ahahoze Segiteri Gituza muri 2002; ubu bwubatsemo ibiro by'Akagari ka Gituza,ishuri ry'incuke na post de sante. Ubwo butaka bukaba bungana na 0.25 ha . Kuri ubwo butaka yahaweho m20/m30 gusa .

**UMWANZURO WA 21**:

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo ,yasanze mu murenge wa Rukumberi ahitwa mu rwuri rwa Gituza , haboneka ingurane ; yemeza ko yahahabwa ubutaka bungana n'ubwo abura kugira ngo yuzuze ubuso bw'ubutaka yari asanzwe afite, hitawe ku gice yamaze guhabwa.

**20. Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma** yandikiye Inama Njyanama agaragaza raporo y'ikurikiranwa ry' ikibazo cy'imiryango 24 ihagarariwe na **NDENZAHO Christophe** na bagenzi be 23 banditse basaba kwandikwaho ubutaka bahawemo ingurane n'Akarere ka Ngoma. Iyi raporo igaragaza ko aba baturage bakuwe muri buffer zone y'ikiyaga cya Sake na Mugesera bahabwa ubutaka mu Murenge wa Zaza,Akagari ka Ruhinga,Umudugudu w'umukoni.

**UMWANZURO WA 22 :**

Inama Njyanama imaze gusesengura raporo kuri iki kibazo , yasanze ubu butaka buhari kandi buhingwa na ba nyirabwo ; yemeza ko iyi miryango uko ari makumyabiri n'ine (24) ihabwa uburenganzira bwo kwandikwaho ubwo butaka

**21. UWITONZE Andre** na bagenzi be bagizwe n' imiryango 25 , batuye RUKUMBERI, Akagari ka GITUZA, Umudugudu wa MFUNE bandikiye Inama Njyanama, basaba kwandikwaho ubutaka n'amazu batujwemo ubwo bari birukanywe Tanzaniya muri 2013.

**UMWANZURO WA 23** :

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo ; yemeje ko abari ku rutonde rw'Akarere rwa 2013 rw'abirukanywe TANZANIYA, bahari cyangwa bujuje ibisabwa byo kuzungura abitabye Imana, bahabwa ibyangombwa by'iyo mitungo. Yasabye kandi ko bizakoranwa ubushishozi kugira ngo uzandikwaho ubutaka/inzu azabe ariwe nyirabwo kandi abukoresha.

**22. MATHIAS Tharcisse** na bagenzi be bagizwe n' imiryango 9 , batuye mu murenge wa Zaza,Akagari ka Ruhinga,Umudugudu wa Gasebeya, bandikiye Inama Njyanama basaba kwandikwaho ubutaka n'amazu batujwemo ubwo bari birukanywe TANZANIYA mu mwaka wa 2013.

**UMWANZURO WA 24** :

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo ; yemeje ko abari ku rutonde rw'Akarere rwa 2013 rw'abirukanywe TANZANIYA, bahari cyangwa bujuje ibisabwa byo kuzungura abitabye imana bahabwa ibyangombwa by'iyo mitungo. Yasabye kandi ko bizakoranwa ubushishozi kugira ngo uzandikwaho ubutaka/inzu azabe ariwe nyirabwo kandi abukoresha

23. **KAYITARE Viateur** na bagenzi be be bagizwe n' imiryango 27 , batuye mu murenge wa Mugesera,Akagari ka Nyamugali, umudugudu wa Gishandaro no mu kagari ko mu Mugatare, Umudugudu w' Umurenge bandiKIYE Inama Njyanama, basaba kwandikwaho ubutaka n'amazu batujwemo ubwo bari birukanywe TANZANIYA mu mwaka wa 2013.

**UMWANZURO WA 25 :**

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo ; yemeje ko abari ku rutonde rw'Akarere rwa 2013 rw'abirukanywe TANZANIYA, bahari cyangwa bujuje ibisabwa byo kuzungura abitabye imana

bahabwa ibyangombwa by'iyo mitungo. Yasabye kandi ko bizakoranwa ubushishozi kugira ngo uzandikwaho ubutaka/inzu azabe ariwe nyirabwo kandi abukoresha

**24. NDAGIJIMANA Innocent** utuye mu Murenge wa Rukira mu Kagali ka Kibatsi yandikiye Inama Njyanama, asaba kwandikwaho ubutaka bwa leta yatijwe bwo guhinga. NDAGIJIMANA Innocent, yatijwe ubutaka bwa leta bungana na ha 1,8 kubera mu isaranganya ry'ubutaka ubwe bwatujwemo abandi baturage.

**UMWANZURO WA 26** :

Inama Njyanama yemeje ko ahabwa ubutaka hakurikijwe amabwiriza y'isaranganya .

**25. KAYITESI Annonciatha** utuye mu Murenge wa Rukira , Akagali ka Buliba yandikiye Imana Njyanama, asaba guhabwa ingurane y'ubutaka yaguze bungana na m120/100m, butuzwamo abaturage. Nyuma yahawe ingurane y'ubwo butaka , buza gusubizwa umwana warokotse Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994 kuko bwari ubwe; bityo akaba asaba ingurane y'ubwo butaka.

**UMWANZURO WA 27** :

Inama Njyanama yemeje ko ahabwa ingurane ingana n'ubutaka yari yahawemo ingurane akaza kubusubiza uwari nyirabwo.

26. **Abaturage bandikiye Inama Njyanama basaba gukosorerwa ibyangombwa** by'ubutaka k'uburyo bukurikira:

- Hari abafite ubutaka bwo guturaho bufatanye n'ubwo guhinga.
- Hari abafite ubutaka bufatanye n'umuhanda bakaba basorera n'uwo muhanda.
- Hari abafite ubutaka bufite ubuso butangana n'uburi kucyangombwa cyabo.
- Hari abafite ubutaka bwanditseho icyo bukoreshwa kitari cyo

**UMWANZURO WA 28** :

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri ibi bibazo hafashwe imyanzuro ikurikira:

- Umuntu ufite ubutaka bwo guturaho bufatanye n'ubwo guhinga azatandukanyirizwa ubwo butaka ahabwe ibyangombwa byabwo, kandi ntazishyura ibirarane by'imisoro byatewe n'iryo kosa. Azatangira gusorera ubwo butaka uhereye igihe azaba amaze kubonera ibyo byangombwa.

- Mu mujyi hazitabwa kucyo ubutaka bwagenewe hakurikijwe igishushanyombonera .
- Abafite ubutaka bufatanye n'umuhanda bakaba basorera n'uwo muhanda nabo bazakosorerwa ibyangombwa byabo kandi ntabirarane bazishyura byatewe n'iryo kosa.
- Hari n'abafite ubutaka bufite ubuso butangana n'uburi ku cyangombwa cyabo; nabo bazakosorerwa ubuso bwabo ku buntu kandi ntibazishyura ibirarane by'imisoro yatewe n'iri kosa.

Inama Njyanama y'Akarere kandi yemeje ko iyi myanzuro izajya ikurikizwa no kubandi bose bazaba bafite ibibazo bisa n'ibi.

27. **NDAYISHIMIYE Solange** utuye mu Murenge wa Kibungo , akagari ka Cyasemakamba, umudugudu wa Gatoro, yandikiye Inama Njyanama asaba gusonerwa umusoro w'ubucuruzi akorera mu isoko, bikaba bimugora kwishyura imisoro kuko ari imfubyi kandi akaba afite abandi bana arera.

**UMWANZURO WA 29** :

Inama Njyanama imaze gusuzuma ubusabe bwe yemeje ko adasonerwa umusoro ahubwo ko Akarere kamufasha kubona ubushobozi bwo guteza imbere ubucuruzi bwe no gufasha abana arera.

28. **MUKARUGAMBA Jacqueline** utuye mu Murenge wa Kibungo mu Kagali ka Karenge yandikiye Inama Njyanama asaba uburenganzira bwo kubaka uruzitiro rw'inzu. Yasobanuye ko abayobozi bamwangiye kubaka uruzitiro kuko aho atuye hazanyura umuhanda ukaba wazayigonga. Abagiye gusuzuma iki kibazo basanze inzu igiye gusenyuka kubera ubutaka bumanukira ku gikuta cy'inzu kimwe n'amazi aturuka haruguru ye .

**UMWANZURO WA 30 :**

Inama Njyanama imaze gusuzuma raporo yabagiyeyo yemeje ko ahabwa uburenganzira bwo kubaka ariko agakorana amasezerano n'akarer, agasinywaho na Noteri ; ko umuhanda niwubakwa uruzitiro rugasenywa atazasaba ingurane yarwo.

29. **CNF ku rwego rw'igihugu** yandikiye Inama Njyanama isaba kwegurirwa imitungo igizwe n'inzu iherereye mu murenge wa Kibungo, inzu iherereye mu murenge wa Zazan'indi nzu iherereye mu murenge wa Mugesera. Iyi mitungo ya ZAZA na MUGESERA ; yahawe akarere ka Mirenge n'ubundi ariko kari karayihaye ubutaka bwo kubakamo. Ni muri urwo rwego basigaga imitungo mu maboko y'akarere ariko n'ubutaka bwabaga ari ubw' akarere. Inzu iri mu mujyi wa Kibungo yubatswe RHENANI PARATINA, igiye iyisigira SWAA RWANDA, nayo igiye iyisigira

PREFEGITURA YA KIBUNGO. Ni muri urwo rwego umutungo wahoze ari uwa Perefegitura wasigaye mu maboko y'Akarere .

**UMWANZURO WA 31**:

Inama Njyanama ishingiwe ku byagaragaye byose mu isesengurwa ry'iki kibazo ; yemeje ko CNF itagomba kwegurirwa iyo mitungo, Igomba gukomeza kwandikwa ku Karere ka Ngoma kuko ari umutungo w'Akarere ariko igakomeza gukoreshwa na CNF.

**30. NZEYIMANA ALEX** yandikiye Inama Njyanama asaba gutizwa cyangwa gukodeshwa ubutaka bwa Leta buherereye mu Murenge wa Karembo, akagari ka Nyamirambo. Ubwo bukaba bufitwe na SIKUBWABO Francois, wabutijwe n'umurenge wa Karembo muri 2009.

**UMWANZURO WA 32** :

Abari mu nama bamaze gusesengura raporo y'itsinda ryagiyeyo bemejeko **NZEYIMANA Alex** atemerewe gutizwa ubwo butaka kubera bwatijwe **SIKUBWABO Francois.**

Inama Njyanama yemeje kandi ko **SIKUBWABO Francois** nawe ahagarika gukoresha ubwo butaka akimara gusarura ibyo yahinzemo biri mu murima ubu kuko yabuhawe n'urwego rutabifitiye ububasha. Aba bombi kimwe n'abandi bazabishaka bemerewe gusaba gukodesha ubwo butaka, bukazahabwa uzaba yujuje ibisabwa.

31. **UWIMANA Jacqueline** na bagenzi be umunani (8) bandikiye Inama Njyanama basaba kurenganurwa , bagahabwa ibyemezo by'amashayamba bateye mu Murenge wa Rukira , mu Kagali ka Nyaruvumu no mu Murenge wa Kibungo mu Kagali ka Mahango ; kugira ngo bashobore kwishyurwa ibiti byatemwe na company y' Abashinwa ikora umuhanda mu Murenge wa Rukira mu Kagali ka Nyaruvumu. Banagaragaje ko ntabyangombwa ayo mashyamba yigeze abona kuva ubutaka bubaruwe. Raporo yakozwe n'imirenge aya mashyamba arimo igaragaza ko bayateye mu butaka bwa Leta ; .kandi mu gihe bayateraga basobanurirwaga ko bemerewe kuyasarura ariko ko igihe leta izaba ikeneye gukoresha ubwo butaka izabufata. Abagenagaciro bababariye umutungo wangijwe ariko banze kubishyura kubera badafite ibyangombwa.

**UMWANZURO WA 33** :

Inama Njyanama imaze gusuzuma ibi byose yemeje ko Komite Nyobozi y'Akarere, ikorera

amasezerano aba baturage kimwe n'abandi bafite ikibazo nk'iki , akubiyemo gukorera no gusarura amashyamba bateye ku butaka bwa Leta, mu gihe bigaragaye ko uwo muntu ariwe wariteye koko. Ayo masezerano akaba ariyo azashingirwaho hatangwa icyangombwa cyo gusarura amashyamba.

32. **KAYITARE Didace** na bagenzi be bandikiye Inama Njyanama, barasaba gusarura amashyamba bateye mu butaka bwa Leta buri mu Murenge wa Zaza, mu Kagali ka Ruhembe mu midugudu itandukanye.

**UMWANZURO WA 34 :**

Inama Njyanama imaze gusuzuma ibi byose yemeje ko aba batutrage kimwe n'abandi bafite ikibazo nk'iki , bagomba gukorerwa amasezerano yo gukorera no gusarura amashyamba mu gihe bigaragaye ko uwo muntu ariwe wariteye koko. Ayo masezerano akaba ariyo azashingirwaho hatangwa icyangombwa cyo gusarura ishyamba.

33. **KAYITARE J.D Dieu** uhagarariye umuryango wa MATABARO ; yanditse asaba guhabwa isambu y'umuryango iri mu Murenge wa Rurenge, mu Kagali ka Rwikubo mu Mudugudu w'Akabakanda ;Kayitare J de Dieu yarafunzwe, afunguwe asanga isambu y'umuryango yaranditswe kuri Leta. Abaturage bahatuye bemeza ko iyo sambu ari iy'uwo muryango.

**UMWANZURO WA 35 :**

Inama imaze gusuzuma iki kibazo yemeje ko ubwo butaka bwandikwa kuri succession MATABARO.

34. **Mgr KAMBANDA Antoine** uhagarariye Kiriziya Gaturika Diyoseze ya Kibungo, yandikiye Inama Njyanama asaba guhabwa ubutaka bwo kwaguriramo ibikorwa bya Kiliziya gatolika , Paruwasi nshya ya Gashanda bungana na hegitari eshatu (3ha) ahari ubutaka bwaLeta , buri mu Murenge wa Gashanda mu Kagali ka Mutsindo.

**UMWANZURO WA 36 :**

Inama Njyanama imaze gusuzuma ubusabe bwabo yemeje ko Diyoseze ya Kibungo yatanga ingurane ingana n'ubutaka basaba ku butaka bwayo buri mu Murenge wa Zaza cyangwa Kibungo.

**35. NZEYIMANA Safari** utuye mu murenge wa Rukumberi, akagari ka Rubona, umudugudu wa Maswa I , yandikiye Inama Njyanama , asaba ingurane y'ubutaka . Ubwo butaka yabuhawe mu isaranganya bungana na 7,404Sqm , buza gukurwaho ubungana na 900Sqm busubizwa umwana warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kuko bwari ubwe; we yasigaranye 6,504sqm .

**UMWANZURO WA 37** :

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo yemeje ko ubutaka yasigaranye buhagije adakwiye guhabwa ingurane .

**36. SINZIBIRAMUKA Eugene na bagenzi be barimo KARUGARAMA Marie Magdalene, NZEYIMANA Francois ,NZABANDORA Vincent, NYIRAGATARIGENGE Anatahlie,HABARUGIRA Benoit,DUSABEMUNGU Juvenal,HAKIZAMUNGU Joseph** bandikiye Inama Njyanama basaba kurenganurwa ; kuko amasambu yabo yahawe Abanyarwanda birukanywe Tanzaniya muri 2013 , ntibahawe ingurane y'ubwo butaka kandi banafite ibyangombwa byabwo . Ubwo butaka buherereye mu murenge wa Mugesera ,,Akagari ko Mugatare, Umudugudu w'Ikibinge.

**UMWANZURO WA 38** :

Nyuma yo gusesengura iki kibazo, Inama Njyanama y' Akarere yemeje ko amasambu yahabwa abayafitiye ibyangombwa by'ubutaka, abandi akarere kakabashakira ubundi butaka bakoresha mbere y'uko basubiza ubwo bari barahawe.

**37. NYANDWI Seleman** yandikiye Inama Njyanama asaba kwandikwaho ubutaka yaguze n'abaturage buherereye mu murenge wa Kazo , akagari ka Birenga , umudugudu wa Nyakagezi kuko yagiye kubwiyandishaho agasanga bwanditse kuri Leta.

**UMWANZURO WA 39:**

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo yasanze Nyandwi Seleman yaraguze ubutaka n'abaturage batabufitiye ibyangombwa kuko bwanditse kuri Leta. Inama yemeje ko abo yaguze nabo ubutaka babanza bagakurikirana uko bwabandikwaho niba koko babifitiye uburenganzira, bitaba ibyo Nyandwi Seleman akabakurikirana mu nkiko.

**38. UMUHOZA Alice** utuye mu Murenge wa Karembo mu Kagali k' Akaziba mu Mugudu wa Rwamuhimbura, yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa akiyandikishaho ubutaka buteyeho ishyamba ry'umuryango wabo ryanditse kuri MINIRENA.

**UMWANZURO WA 40 :**

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo, yasanze iryo shyamba ryaratewe n'umuryango we , ariko riterwa ku butaka bwa Leta . Yemeje ko atemerewe kwiyandikishaho ubwo butaka kuko ari ubwa leta ; ahubwo azahabwa uburenganzira bwo kurikorera no kurisarura kugeza ubwo Leta izabukenera ikabusubirana.

**39. SIBOMANA Celestin** utuye mu Murenge wa Kazo, mu Kagali ka Birenga, mu Mudugudu wa Karisizo ,yandikiye Inama Njyanama asaba ko ubutaka bwe bwandukurwa kuri leta bukamwandikwaho. Ubwo butaka Bwari bwaratijwe ishyirahamwe TUZAMURANE, Ibwita ubwaryo bituma abuburana n'ishyirahamwe mu rukiko rw'abunzi aratsinda bemeza ko abuhabwa ; agiye kubwiyandikishaho asanga bubaruye mu mutungo wa Leta.

**UMWANZURO WA 41** :

Inama Njyanama imaze gusesengura iki bazo, yasanze atahabwa ubu butaka kuko ari ubwa Leta.

**40. Anglican Church of Rwanda** yandikiye Inama Njyanama isaba ubutaka bwayo buri mu Murenge wa Karembo, mu Kagali ka Nyamirambo , mu Mudugudu wa Karibu, bwanditse kuri Leta. Abagiyeyo basanze nta kintu

**UMWANZURO WA 42** :

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo yasanze nta kintu na kimwe kigaragaza ko ubwo butaka bwigeze kuba ubwabo; yemeje ko ubwo butaka batabwandikwaho .

**41. MUKABUTERA Beatrice** utuye mu murenge wa Rukumberi, akagari ka Rwintashya, umudugudu wa Rwimpongo, yandikiye Inama Njyanama, asaba ingurane y'ubutaka bwe bwatujwemo umuturage wari uhungutse.

**UMWANZURO WA 43** :

Inama Njyanama yemeje ko ahabwa ingurane y' ubwo butaka ingana n'aho yatanze.

42. **NIYIZUKURI Alvadas** utuye mu Murenge wa Sake , Akagari ka Kibonde, Umudugudu w'Umucyo, yandikiye Inama Njyanama, asaba gutizwa icyumba cyo kororeramo inkoko. Yanditse avuga ari itsinda bakorana borora inkoko, bakaba basaba inzu y'akarere ibarizwa mu Murenge wa Sake,Akagari ka Kibonde,Umudugudu wa Kanazi.

**UMWANZURO WA 44** :

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo yasanze iryo tsinda ritazwi, kandi nawe ubwe nta teganyabikorwa agaragaza; yemeje ko iyo nzu atayihabwa, yaba we ndetse n'icyo bita itsinda bafatanya.

43. **NDAYAMBAJE Emmanuel; Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'umurenge wa JARAMA,** yanditse asaba ubutaka bungana na hegitari 2 (2 ha) , buherereye mu Kagari ka Kigoma , bufite UPI5/06/02/044012; kugirango bugirwe Irimbi.

**UMWANZURO WA 45** :

Inama Njyanama imaze gusuzuma ubu busab, yasanze ubwo butaka buhari koko kandi nta handi umurenge ufite ubutaka bwashyirwamo irimbi; yemeza ko ubwo butaka babuhabwa bukagirwa irimbi .

44. **Abaturage ba Rukumberi aribo Ndagijimana Joseph, Rwayitare Wilson, Kayirangwa Antoine na Twahirwa Felicien ,** bandikiye Inama Njyanama basaba kwandikwaho ubutaka bahawemo ingurane , mu kagari ka Gituza (mu rwuri) ariko ntibwabandikwaho. Ubwo butaka bamwe babuhawe bahungutse , abandi babuhawe bamaze gusubiza ubw'abana b' impfubyi za Jenoside yakorewe abatutsi muri 1994 , bari barahawe.

**UMWANZURO WA 46** :

Inama Njyanama imaze gusuzuma ubu busabe , yemeje ko aba baturage Ndagijimana Joseph, Rwayitare Wilson na Kayirangwa Antoine biyandikishaho ubwo butaka ariko Twahirwa Felicien we akazongera agasurwa kuko bigaragara ko asaba ubutaka ahantu hatandukanye; ariho mu murenge wa Mugesera na Rukumberi.

**45. KAMARANDA Odette** utuye mu Murenge wa Sake, mu Kagali ka Rukoma, yandikiye Inama Njyanama , asaba gusonerwa umusoro w'ubucuruzi buciriritse . Afite imyaka 76 ; nta bana agira , abarizwa mu cyiciro cya 2 cy'ubudehe (cat.2 ) , acururiza mu isoko rya Gafunzo.

**UMWANZURO WA 47** :

Inama Njyanama imaze gusuzuma busabe bwe, yasanze hari Umwanzuro wemeje konta muntu ugomba gusonerwa umusoro w'ubucuruzi, yemeza ko atasonerwa umusoro ; ahubwo yahabwa ubufasha nk'abandi batishoboye.

**46. MUGEMANYI Leonard** utuye mu Murenge wa Murama, mu Kagali ka Kigabiro, mu Mudugudu wa Kigabiro , yandikiye Inama Njyanama asaba gusonerwa imisoro no guhindurirwa inyito y'icyangombwa cy'ubutaka cya burundu gifite UPI: 5/06/07/02/22921; cyanditseho ko hagenewe ubucuruzi kandi haragenewe gutura , akaba anahatuye.

**UMWANZURO WA 48** :

Inama Njyanama imaze gusuzuma ubusabe bwe , yemeje ko **MUGEMANYI Leonard** akosorerwa icyangombwa cy'ubutaka , agakurirwaho amafaranga atangwa mu kugikosora, agasonerwa amafanga abazwa kubera inyito y'ubu butaka.

**47. HAKIZAMUNGU Elias** utuye mu Murenge wa Rukira, mu Kagali ka Kibatsi, mu Mugududu wa Gituku , yandikiye Inama Njyanama asaba kwandikwaho ubutaka yatijwe n'Umurenge.

**UMWANZURO WA 49** :

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo, yasanze yarabutijwe n'umurenge mu gihe kingana n'umwaka 2014-2015 , kugirango abushyiremo ibagiro ; kandi ubwo butaka bwari ubwa Leta bukoreshwa mu gutuza abatishoboye muri ako kagali; aho kubutirura abwubakamo inzu y'ibagiro

nayo ntiyayuzuza; abuteramo n'urutoki . Inama Njyanama yemeje ko atakwandikwaho ubu butaka kuko ari ubwa Leta. Yemeje kandi ko **HAKIZAMUNGU Elias** ahabwa igihe cy'amezi atanu cyo kuba yakuyemo ibikorwa bye muri ubwo butaka kuko yabishyizemo mu buryo bunyuranye n'amategeko .

**48. ABAJYINAMA Vanis** utuye mu Murenge wa Rukira, mu Kagali ka Kibatsi, mu Mugududu wa Gituku, yandikiye Inama Njyanama asaba kwandikwaho ubutaka yatujwemo n'umurenge mu mwaka wa 2012.

**UMWANZURO WA 50** :

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo yasanze ubuyobozi bw'umurenge n'akagali bwaramufashije kubona amabati n'ibiti nk'umuntu utishoboye agiye kubaka. Inama Njyanama yemeje ko **ABAJYINAMA Vanis** yemererwa kwandikwaho ubwo butaka.

**49**. **MUSABYEYEZU Leoncie** utuye mu Murenge wa Rukira , mu Kagali ka Kibatsi, mu Mugududu wa Gituku, yandikiye Inama Njyanama asaba kwandikwaho ubutaka yatujwemo n'umurenge mu mwaka wa 2007.

**UMWANZURO WA 51** :

Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo yasanze ubuyobozi bw'umurenge n'akagari bwaramufashije kubona amabati n'ibiti nk'umuntu utishoboye; abaturage nabo bamwubakira mu buryo bw'umuganda . Inama Njyanama yemeje ko **MUSABYEYEZU Leoncie** yemererwa kwandikwaho ubwo butaka.

**50**. **BAHUTIRAHO Elemiane** utuye mu Murenge wa Rukira, mu Kagali ka Kibatsi, mu Mugududu wa Gituku , yandikiye Inama Njyanama asaba kwandikwaho ubutaka yahawe na MUSABYEYEZU Leoncie.

**UMWANZURO WA 52**:

Inama Njyanama imaze gusuzuma ubu busabe ,yasanze MUSABYEYEZU Leoncie yarahawe ubutaka bwo guturamo, aza gukenera n'aho guhinga , agurana na BAHUTIRAHO Elemiane ,nawe

amuhaho aho atura. Inama Njyanama yemeje ko BAHUTIRAHO Elemiane adahabwa uburenganzira bwo kwiyandikishaho ubwo butaka; azakomeza gukurikirana MUSABYEYEZU Leoncie bakazakorana ihererekanya ry'ubutaka (Mutation).

51. .**MUKARUSINE Madina** utuye mu Murenge wa Kibungo , yandikiye Inama Njyanama asaba kwandikwaho ubutaka bwe bwanditse kuri MINADEF buri mu Murenge wa Kibungo , mu Kagali ka Karenge. Amakuru atangwa n'abaturage bahatuye nabo bahafite amashyamba, bavuga ko muri 1976 muri icyo gice hari ubutaka bwa Leta, hanyuma bashishikarizwa kuhatera ishyamba; bemeza kandi ko iryo shyamba bariteye bazi neza ko bemerewe gusarura ishyamba gusa ariko ko ubutaka ari ubwa leta kandi ko Leta nihakenera izahasubirana.

**UMWANZURO WA 53** :

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo yasanze hari amakuru yatanzwe n'abandi baturage bahafite amashyamba, bemeza ko bayateye bazi ko ari mu butaka bwa Leta mu mwaka wa 1976 . Inama Njyanama yemeje ko MUKARUSINE Madina atakwandikwaho ubwo butaka.

52. **Uhagarariye Umuryango w'aba Islam mu Karere ka Ngoma** ; yandikiye Inama Njyanama asaba kwemererwa kwandikwaho ingurane y'ubutaka bahawe. Basobanuye ko ubutaka bwabo bwari bwaragizwe irimbi nyuma igice cyari kitarashyingurwamo gishyirwamo ishuri rya G.S Kabeza noneho ubuyobozi bubaha aho bazakomeza gushyingura. Amakuru aturuka mu baturage bahatuye basobanuyeko; nyuma hubatswe ishuri babaha ahandi bazajya bashyingura.

**UMWANZURO WA 54**:

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo, yasanze ubwo butaka bwagizwe irimbi n'ubundi busanzwe ari ubwa Leta. yemeje ko batemererwa kwibaruzaho ubwo butaka kuko ari ubwa leta. Inama Njyanama yemeje kandi ko ubuyobozi bw'akarere bugomba kugaragaza imbago z'irimbi kugira ngo batazarengera binjira mu butaka bwa Leta.

53. **MUGABO J.Baptiste** wo Murenge wa Gashanda ,Akagari ka Giseri,Umudugudu wa Rubambantare ,yandikiye Njyanama y'Akarere asaba ingurane y'ubutaka bw'umuryango bwagizwe irimbi muri 1998.

**UMWANZURO WA 55** :

Inama Njyanama imaze gusesengura ubu busabe , yemeje ko atahabwa ingurane y'ubwo butaka kuko bwagizwe irimbi rusange mu gihe cy'isaranganya ry'ubutaka kandi nawe akaba yarasaranganyije.

**54. KAREMERA Midalidi** wo Murenge wa Sake, Akagari ka Gafunzo,Umudugudu wa Kiriko , yandikiye Inama Njyanaba asaba ingurane y'ubutaka yahawe na Mayor wa Mirenge muri 2001; akaba agaragaza n'icyangombwa ( acte de notoriete) yahawe n'akarere. Ubutaka yahawe , igice kimwe cyabaye buffer zone , ikindi giterwamo ishyamba ry'umurenge, asigarana igice gito kandi nta handi agira.

**UMWANZURO WA 56 :**

Abagize Inama Njyanama bemejeko ahabwa ubundi butaka bwo guhingamo bungana n'ubwo yari yarahawe.

**55. KAREMANGINGO Sylvestre na NZARAMBA Telesphore** bandikiye Inama Njyanama, basaba ingurane y'ubutaka bavuga ko bahawe na Burugumestre wa Komini Sake witwaga BYEMERO mu myaka ya 1980 mu nkengero z'ikiyaga cya Mugesera, mu murenge wa Sake, Akagari ka Gafunzo. Igice kinini cyagizwe buffer zone , ikindi giterwa ishyamba rya Leta. Bakavuga kandi ko inyandiko bahawe zazimiye.

**UMWANZURO WA 57** :

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo yemeje ko batahabwa ingurane y'ubwo butaka kuko ntacyemeza ko bari barabuhawe.

**56. KAYIRANGA Jean Damascene** utuye mu Murenge wa Remera, akagali ka Nyamagana , umudugudu wa Kaguruka , yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa akiyandikishaho ubutaka buherereye mu Kagali ka Nyamagana, mu Mudugudu wa Rebero , bufite numero 4,540 , bufite ubuso bwa 6,930 Sqm. Ubwo butaka asaba yabuhawe mu gihe cy'isaranganya abuhabwa hamwe n'ubwo gutura. Mugihe cyo kwandikisha ubutaka ntiyabwandikwaho, akomeje kubukurikirana asanga bwanditse kuri Leta.

**UMWANZURO WA 58** :

Inama Njyanama imaze gusuzuma icyo kibazo yemeje ko KAYIRANGA Jean Damascene ahabwa uburenganzira bwo kwiyandikishaho ubwo butaka kuko afite icyemezo cy'uburenganzira bw'umutungo ( acte de notoriete).

**57. RURANGIRWA Jean** utuye mu Murenge wa Remera, akagari ka Nyamagana , umudugudu wa Tonero; yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa akandikwaho ubutaka bwanditse kuri Leta bungana na hegitari eshanu (5ha). Ubwo ubutaka Rurangirwa Jean asaba avugako yabuguze na MUSAFIRI Jacques na BENEGUSENGA Felicien. Mu gihe cy'ibarura ry'ubutaka igice kimwe cyanditswe kuri Leta ari nacyo asaba gusubizwa.

**UMWANZURO WA 59** :

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo , yemeje ko atakibaruzaho ubwo butaka kuko yabuguze n'utari nyirabwo, agirwa inama yo gukurikirana uwabumugurishije atari ubwe.

**58. UWIMBABAZI Sandrine na NTABANGANYIMANA Evariste** bandikiye Inama Njyanama y'Akarere basaba kurenganurwa bakongererwa andi mazezerano y'akazi.Bombi bari abakozi b'Akarere ka Ngoma bakorera mu rwego rwunganira Akarere mu gucunga umutekano (DASSO). Aba bakozi bombi amasezerano yabo y'imyaka itanu bari bafitanye n'akarere yarangiye ku wa 31/12/2019 hanyuma ntibongererwa amasezerano.

**UMWANZURO 60** :

Inama Njyanama imaze guzusuma iki kibazo yasanze ntakarengane kari mu kutongererwa amasezerano nk'uko babivuga ; kubera ko kongererwa cyangwa kutongererwa amasezerano ari uburenganzira bw'umukoresha . Bityo bamenyeshwa ko nta karengane kabayemo.

**59.NSENGIYUMVA Reverien** mu Karere ka Ngoma, Umurenge wa Rukumberi, Akagari ka Rubago, Umudugudu wa Nyagitabire, yandikiye Inama Njyanama asaba kwishyurwa amafaranga 637,200frw akagali kamusigayemo igihe yakoraga imirimo y'ubwubatsi bwo gusana akagari ka Rubago mu mwaka wa 2013. Amasezerano agaragaza ko igikorwa cyose cyari kwishyurwa mafaranga miliyoni ebyiri n'ibihumbi mirongo itandatu na kimwe n'amafaranga magana atandatu (2,061,600frw) . Yahawe avance ya miliyoni miliyoni imwe n'ibihumbi Magana atatu na mirongo itanu na kimwe n'amafaranga magana inani (1,351,800 frw) ; bamusigayemo amafaranga angana n'ibihumbi magana atandatu na mirongo itatu na bitanu n'amafaranga magana abiri (637,200frw) akaba ari nayo yishyuza.

**UMWANZURO 61** :

Inama Njyanama imaze gusuzuma iki kibazo , yasanze ibyo NSENGIYUMVA Revelien yasabwe kugirango yishyurwe abyujuje , yemeza ko akarere kagomba kumwishyura amafaranga ya yose uko ayishyuza angana na 637,200frw

**60. MURENZI Emille** wo mu Ntara y'iburasirazuba, Akarere ka Ngoma, Umurenge wa Kazo

yandikiye Inama Njyanama asaba kwishyurwa amafaranga yubakiye ubwiherero bw'amashuri ya GS Mulinja na EP Tunduti ; angana n'ibihumbi magana atanu na mirongo inani (580,000frw)..

**UMWANZURO 62 :**

Inama Njyanama , imaze gusesengura iki kibazo , yagenzuye raporo yakozwe n' Abagenzuzi b'akarere, bafatanyije n'abayobozi b'ibyo bigo na Komite z'ababyeyi barerera muri ibyo bigo, bagaragaje ko amafaranga yose yagombaga kwishyurwa angana n'ibihumbi magana arindwi na mirongo itanu (750,000 frw ) ; agakurwamo ayo imirimo yakozwe n'umuganda w'ababyeyi angana n' amafaranga ibihumbi ijana na mirongo irindwi (170,000 frw).; basanga amafaranga Murenzi Emile yishyuza ariyo. Inama Njyanama yemeje ko MURENZI Emile akarere kamwishyura amafaranga ye nk'uko ayishyuza angana na n'ibihumbi magana atanu na mirongo inani (580,000frw).

**61. Umuyobozi wa Farumasi y'Akarere ka Ngoma Bwana RUTAGANDA Fiacre** yandikiye Inama Njyanama asaba gusimbuza abari bagize Board ya Farumasi batakiyirimo.
Aribo : Dr. NAMANYA William wari muri Board nk'Umuyobozi w'ibitaro bya Kibungo ariko ubu akaba atakiri muri uwo mwanya na MUSONERA Celestin wari muri Board nk'Umuyobozi w'ishami rya RSSB rya Ngoma nawe akaba atagikorera mu ishami rya Ngoma.

**UMWANZURO 63 :**

Inama Njyanama imaze kubona ubu busabe yemeje ko Dr. NAMANYA William yasimburwa na Dr GAHIMA John Umuyobozi mushya w'ibitaro bya Kibungo na MUSONERA Celestin agasimburwa na BIZIYAREMYE Venuste Umuyobozi mushya wa RSSB Ngoma ,nk'uko amategeko abiteganya.

**62.MUKAMBAYIRE Marie** wo mu Murenge wa Kazo, Akagari ka Karama, Umudugudu wa Rango yandikiye Inama Njyanama asaba gufashwa kubona inzu yo kubamo.

**UMWANZURO: 64 :**
Inama Njyanama imaze gusuzuma ubusabe bwe , yasanze afite ubumuga butamwemerera kuba wenyine, yemeje ko yaguma mu muryango asanzwe abamo, agakomeza gufashirizwamo cyane ko ahabwa n' inkunga y'ingoboka ( DS).

**63. RUDASINGWA Straton**; utuye mu mrenge wa Rukumbeli , akagari ka Rubona yandikye Inama Njyanama , asaba kurenanurwa avuga ko yakoranye amasezerano n'Umurenge w Rukumberi yo kubaka ibyumba by'amashuri bya GS RWINTASHYA, EP NTOVI Na GS GITUZA, ntiyishyurwe imirimo y'inyongera ku mafaranga angana na n'ibihumbi magana cyenda na makumyabiri na bitandatu n'amafaranga maganatanu ( 926,500frw) . Igihe cy'inyongera cyatangiye kuva 16/01/2011 kugeza ku itariki ya 6/6/2011 nyuma y'uko amasezerano yari yagiranye n'akarere arangiye ku itariki 15/01/2011.

**Umwanzuro wa 65** :
Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo , yasanze RUDASINGWA Straton afite urutonde rw'abantu yakoreshaga abereyemo umwenda , amasezerano yakoranye n'abayobozi b'ibigo ndetse n'umurenge . Ikindi ni uko afite ibaruwa yo ku itariki ya 3/1/2017 umukozi w'umurenge wa Rukumberi yandikiye akarere ka Ngoma agaragaza umwenda umurenge ufitiye abaturage ujyanye n'inyubako z'amashuri mu mwaka w'ingengo y'Imari wa 2010-2011 uhwanye na 926,500 frw.
Inama Njyanama yemeje ko akarere kishyura RUDASINGWA Straton umwenda we wose uhwanye n'ibihumbi Magana cyenda na makumyabiri na bitandatu na magana atanu ( 926,500 frw ).

**INGINGO YA 4:**

**KWEMEZA INGENGABIHE Y'IBIRUHUKO BY'ABAGIZE KOMITE NYOBOZI Y'AKARERE MU MWAKA WA 2020-2021**

Abagize komite nyobozi y'Akarere bandikiye Inama Njyanama basaba ibiruhuko by'umwaka 2020-2021 , biteganyijwe hakurikijwe ingengabihe igaragaraga mu mbonerahmwe ikurikira:

| No | UMWANYA | AMAZINA | IMINSI YASABYE | IGIHE YASABYE GUTANGIRA IKIRUHUKO |
|---|---|---|---|---|
| 01 | Umuyobozi w'Akarere | NAMBAJE Aphrodise | 30 | 01/10/2020 |
| 02 | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe ubukungu | MAPAMBANO NYIRIDANDI Cyriaque | 30 | 01/11/2020 |
| 03 | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho myiza | KIRENGA Providence | 30 | 01/12/2020 |

**UMWANZIRO WA 66 :**

Inama Njyanama imaze gusuzuma ingengabihe y'ibiruhuko by'abagize Komite Nyobozi y'Akarere mu mwaka 2020-2021 yarayemeje.

Inama yarangije imirimo yayo saa kumi n'imwe z'umugoroba.

Bikorewe Ngoma kuwa 14/8/2020.

UMWANDITSI W'INAMA

MUKANKURANGA eatrice

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

Y'Akarere ka NGOMA

UMUYOBZI W'INAMA

BANAMWANA Bernard

Perezida w'inama Njyanama

y'Akarere ka NGOMA

**ABAJYANAMA B'AKARERE BITABIRIYE INAMA NYJANAMA ISANZWE Y'AKARERE KA NGOMA KU ITALIKI YA 14/08/2020**

| S/N | AMAZINA | UMURENGE | TEL & EMAIL | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 1 | GASANA Jean de Dieu | MURAMA | 0788524525 jeandegasana@gmail.com | [signature] |
| 2 | ISINGIZWE Aline | RURENGE | isingizwealine@gmail.com | [signature] |
| 3 | KIRENZI Martin | KAZO | kimartin@yahoo.fr | [signature] |
| 4 | MUKARUTESI Chantal | KIBUNGO | 0788467995 chantalrutesi@gmail.com | [signature] |
| 5 | HAKIZIMANA Augustin | KIBUNGO | 0788604376 hakizaustin@gmail.com | [signature] |
| 6 | MAPAMBANO Nyiridandi | Rukira | 0788301542 Mgambanoc@gmail.com | [signature] |
| 7 | KANANZI John | MUTENDELI | 0788643526 Kananzijohn2@gmail.com | [signature] |

**ABAJYANAMA B'AKARERE BITABIRIYE INAMA NYJANAMA ISANZWE Y'AKARERE KA NGOMA KU ITALIKI YA 14/08/2020**

| S/N | AMAZINA | UMURENGE | TEL & EMAIL | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 1 | BANAMWANA Bernard | ZAZA | 0787310705<br>banamwanab@gmail.com | [signature] |
| 2 | Prof KANOBANA Mathusela | SAKE | 0788413212 | [signature] |
| 3 | MUKANKURANGA Béatrice | Kibungo | 0788457849<br>mukankurangabea60@gmail.com | [signature] |
| 4 | UMUHIRE Marie Providence | SAKE | 0788630377<br>umuprov80@gmail.com | [signature] |
| 5 | SINAYOBYE Innocent | Murama | 0788330068<br>sinayobye@gmail.com | [signature] |
| 6 | Aphrodise Nambaje | Kibungo | aphrodise.nambaje@ngoma.gov.rw<br>0786859415 | [signature] |
| 7 | Sandra MUSABWASONI | Zaza | 0788541285<br>musandrace@gmail.com | [signature] |

**ABAJYANAMA B'AKARERE BITABIRIYE INAMA NYJANAMA ISANZWE Y'AKARERE KA NGOMA KU ITALIKI YA 14/08/2020**

| S/N | AMAZINA | UMURENGE | TEL & EMAIL | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 1 | MUKANDANGA Marie | JARAMA | ndangamarie2@gmail.com 0783341022 | [signature] |
| 2 | MULIGO Ladislas | Karembo | ladismuligo@yahoo.fr | |
| 3 | MUGIRANEZA K. Thierry | Rurenge | 0788430785 kmugiraneza10@yahoo.fr | [signature] |
| 4 | MBARANGA Eudence Gervas | Murama | 0788871752 eudencembaranga@gmail.com. | [signature] |
| 5 | KIRENGA Providence | Kazo | 0788562953 prokirenga@gmail.com | [signature] |
| 6 | KAYITESI Faulothe | Karembo | 0788770827 Kalafau2020@yahoo.fr | [signature] |
| 7 | Habakurama Oreste | Kibungo | ihirwekurama@gmail.com | [signature] |

**ABAJYANAMA B'AKARERE BITABIRIYE INAMA NYJANAMA ISANZWE Y'AKARERE KA NGOMA KU ITALIKI YA 14/08/2020**

| S/N | AMAZINA | UMURENGE | TEL & EMAIL | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 1 | RUKUNDO Gulain | Rushanda | 0788514139 gulainic@yahoo.com | [signature] |
| 2 | MUGISHA Narcisse | Remera | 0783716454 mugishanm2000@yahoo.com | [signature] |
| 3 | | | | |
| 4 | | | | |
| 5 | | | | |
| 6 | | | | |
| 7 | | | | |